

ICYEMEZO N° 022/2022/TB/BWS-JDD CYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA GITEGEKA UMUBURANYI KWITABA URUKIKO.

Umunsi wa makumyabiri n'ibiri, ukwezi kwa Nzeri, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na kabiri: Twebwe RIZIKI Madeleine, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa BWISHYURA, dufashijwe na MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru w'urwo Rukiko;



Tumaze kubona ko mu iburanisha ryo kuwa 22/09/2022 ry'urubanza RP 00458/2021/TB/BWS, UBUSHINJACYAHA buregamo uwitwa IBYIMANIKORA Reponse mwene BIHOYIKI na UZARIBARA utuye mu Mudugudu wa Nyamiyaga, Akagari ka Ruhinga, Umurenge wa Gitesi, Akarere ka Karongi, Intara ya Intara y'iburengerazuba, ukora ..... Tel +250789300939 icyaha cyo kwiba bifite impamvu nkomezacyaha; uwitwa IBYIMANIKORA Reponse atitabye urukiko ariko umwanditsi w'urukiko wavuganye n'umukuru w'umudugudu yari atuyemo yaranditse ku ihamagara avuga ko atagituye muri ako kagari;

Tumaze kubona ko urukiko rwemeje ko IBYIMANIKORA Reponse ahamagazwa ahatazwi;

Dushingiye ku ngingo ya 46 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ivuga ko «Imenyesharuhame rikorwa mu buryo bwo kumanika kopi y'ihamagara ahantu hagaragara hagenwe n'Urukiko rwaregawe mu kibanza cyarwo n'aho Inkiko Zisumbuye zose zikorera, mu gihe cy'amezi abiri (2). I bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bijyana no gutangaza icyemezo cya Perezida w'Urukiko gitegeka uwarezwe kwitaba Urukiko mu gihe giteganyijwe, akanasabwa kugaragaza umurongo wa interineti azajya amenyesherezwaho ibijyanye n'urubanza rwe. Icyemezo gitangazwa ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza, ku rubuga rw'imanza zirangizwa, ndetse no mu kindi kinyamakuru cyagenwe na Perezida w'Urukiko. Perezida w'Urukiko ashobora gutegeka ko itangazo rikorwa mu bundi buryo bubereye nko gukoresha radio, televiziyo cyangwa irindi koranabuhanga. Itangazwa ry'icyemezo rikorwa mu Kinyarwanda. Icyakora, rishobora no gukorwa mu rundi rurimi rwemewe mu butegetsi iyo bibaye ngombwa».

Dutegetse ko IBYIMANIKORA Reponse wavugiye imyirondoro haruguru ahamagazwa ahatazwi mu buryo bw'imenyesharuhame bakazitaba urukiko kuwa 23/11/2022 i saa mbiri za mugitondo kandi iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ndetse kikanatangazwa ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza.

NI UKO ICYEMEZO GIFATIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

RIZIKI Madeleine  
PEREZIDA W'URUKIKO



MPORWIKI Jean Marie Vianney  
UMWANDITSI MUKURU W'URUKIKO

REPUBLIKA Y'U RWANDA



URUKIKO: TB BWISHYURA

P.O.B: .....

TEL: .....

E-mail: .....

INYANDIKO Y'UMWANDITSI IHAMAGARA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI

Umwaka wa 2022, umunsi wa 22 w'ukwezi kwa Nzeri

Bisabwe na UBUSHINJACYAHA utuye mu Mudugudu wa - Akagari ka - Umurenge wa - Akarere ka - Intara ya - TEL +250725485996 P.O.B - e-mail ried.prosecution@rra.gov.rw uburanirwa/wunganirwa na SEMUHUNGU Paul

Twebwe MPORWIKI Jean Marie Vianney umwanditsi w'UrukikoTB BWISHYURA

Nshingiye ku ngingo 98, 102 n'ya 103 z'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Menyesheje IBYIMANIKORA Reponse mwene BIHOYIKI na UZARIBARA utuye mu Mudugudu wa Nyamiyaga, Akagari ka Ruhinga, Umurenge wa Gitesi, Akarere ka Karongi, Intara ya Intara y'iburengerazuba, ukora ..... Tel +250789300939 uburanirwa/wunganirwa na - Tel - P.O.B - e-mail - ariko ubu utazwi aho atuye, ko agomba kwitaba UrukikoTB BWISHYURA, 2022-09-08 kuwasaa 08:00 aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha;

Kugira ngo yiregure ku kirego yarezwegifite n° RP 00458/2021/TB/BWS cyatanzwe cyatanzwe na UBUSHINJACYAHA utuye mu Mudugudu wa - Akagari ka - Umurenge wa - Akarere ka - Intara ya - TEL +250725485996 P.O.B - e-mail ried.prosecution@rra.gov.rw uburanirwa/wunganirwa na -

Ikiburanwa: Kwiba bifite impamvu nkomezacyaha

« Kubera ko uhamagawe mu rukiko adafite aho atuye cyangwa aho aba hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, TB BWISHYURA manitse kopi y'iri hamagara ..... (ahagenwe n'urukiko) kandi inyandiko yayo mu magambo ahinnye nyimanitse ku miryango y'inkiko Zisumbuye mu gihe cy'amezi abiri ».

Iri hamagara rizamara amezi abiri nk'uko biteganywa n'ingingo ya 103 y'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 09/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

UHAMAGAWE  
IBYIMANIKORA Reponse

UMWANDITSI  
MPORWIKI Jean Marie Vianney